# IMFASHANYIGISHO YA 05: GUKORESHA IBIHINGWAFUMBIRE

**Ubusobanuro**

**Ibihingwa-fumbire (Cover crops)** ni ibimera biterwa hagamijwe cyane cyane kurinda no gukunguhaza ubutaka aho kuba ibyo gusarurwa. Mu buhinzi bwa kawa, bifasha mu kurinda ubuzima bw'ubutaka, kugabanya isuri, ndetse bikagira n'inyungu z'inyongera nko kugabanya ibyatsi bibi no kongera azote mu butaka

**Ubwoko bw'ibihingwafumbire biberanye na buri gace:**

| Ibihingwafumbire | Uturere | Ubushyuhe (°C) | Imvura (mm) | Ubutumburuke (m) |
|---|---|---|---|---|
| **Arikisi pintoi** | Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi | 20–30 | 1,200–2,500 | 0–1,800 |
| **Mucuna** | Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare, Rwamagana, gatsibo, Kamonyi | 22–30 | 1,000–2,000 | 0–1,500 |
| **Inkori** | Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare | 20–35 | 600–1,200 | 0–1,600 |
| **Desmodiyumu.** | Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi | 18–28 | 900–1,800 | 600–2,000 |
| **Mimoza** | Huye, Nyanza, Gisagara | 18–30 | 800–2,000 | 0–1,800 |
| **Veci** | Nyamasheke, Rutsiro, Rubavu, Burera, Gakenhe, Rurindo | 10–22 | 600–1,200 | 1,200–3,000 |



**Arakisi Pintoi** ni ikimera kimara imyaka myinshi kandi kiri mu muryango w'ibinyamisogwe. Iki cyatsi gishobora gutwikira ubutaka bityo kigasimbura isaso kandi gishobora kuvangwa e n'izindi mboga ndetse n'ibiti kubera ubushobozi bwacyo bwo gufata umwuka wa nitorojeni no gukurira ahantu hari igicucu kinini. Arakisi kandi ntishobora gukurira ahantu hari ibishishwa byatabitswe munsi y'ubutaka



**Veci** ni ikimera kirandaranda gishobora kugira uburebure bwa metero 1 kugeza kuri 2. Gifite ubushobozi buhambaye bwo gutwikira ubutaka ndetse no kubuza ibindi byatsi kumera. Iki kimera gishobora gukurura umwuka wa nitorojeni uri hagati ya kg 100 na 150 kuri hegitari imwe bityo ibi bikaba byashobora kongera uburumbuke bw'ubutaka. Veci kandi izwiho kugabanya ingano y'ibyonnyi byo mu bwoko bwa nematode ziba mu butaka.



**Mimoza** ni ikimera cyo mu muryango w'ibinyamisogwe gikunda kumera ari igihuru kandi kinyerera ndetse kimara imyaka myinshi kandi kikagira indabo. Hari amoko menshi ya mimoza bityo rero guhitamo ushingiye ku kamaro kayo ni ingenzi. Bitewe n'ukuntu ikurana imbaraga, rimwe na rimwe mimoza ishobora kurwanira intungabimera n'ibiti bya kawa. Bityo rero gutera mimoza ibiti bya kawa bikiri bito ni ibintu byo kwitondera. Bibaye ngombwa ko ziterwa ni ngombwa gusiga intera ihagije hagati yazo n'ibiti bya kawa.



**Desimodiyumu** ifite ijanisha riri hejuru ya 80 ku ijana mu gutwikira ubutaka kandi ishobora gutwikira ahantu hanini ndetse no kuburizamo ibyatsi bibangamira ibihingwa mu gihe kirekire. Kuri are imwe y'umurima hakenewe guterwa ikiro kimwe cy'imbuto ya desimodiyumu




**Mucuna** ni icyatsi gikura vuva mubyumweru 6-8 kiba kimaze gutwikira neza ubutaka. Gikuruna ifumbire ya Azote iba mu mwuka ingana n'kg 60-150/ha/ mu gihembwe/ Ni ibyatsi bivamo ifumbire mborera ikungahaye cyane. Iyo bikiri bito bikenera umucyo. Ntibyihanganira igicucu. Iyo bimaze gufatana ku butaka byihanganira amapfa. Ibi byatsi bikunda kurira cyane ibiti bya kawa bikayangiza. Umuhizi wahisemo kubitera, agomba guhora abigenzura, akabimanura, akanabikata kugirango bitangiza ibiti bya kawa



**Inkori** zigira ubwoko bukura vuba bugatwikira ubutaka. Zikenera guhingwa mu butaka bwiza kandi burimo ifumbire. Zitwikira ubutaka zikaburizamo ibyatsi n'ikirare. Zigarura mu butaka ifumbira ya Azote ku kigero cya 60-90kg/ha/kuri gihembwe cy'ihinga. Zihanganira izuba.

**Akamaro k'ibihingwa-fumbire**

- **Ubutaka bukungahaye:** Ibihingwa bifata azote iva mu kirere bikayisubiza mu butaka.
- **Kurinda isuri:** Birinda ubutaka kujyanwa n'isuri.
- **Kugabanya ibyatsi bibi:** Bigabanya guhangana n'ibyatsi bitifuzwa.
- **Kubika amazi mu butaka:** Bituma ubutaka bugumana amazi mubutaka mubihe by'izuba.
- **Kongera urusobe rw'ibinyabuzima:** Bituma haboneka udukoko tw'ingirakamaro mubutaka kandi bigabanya ibyonnyi.

**Kubungabunga ibihingwa-fumbire**

✓ **Igihe cyo gutera ibihingwafumbire**

- Mu ntangiriro y'igihe cy'imvura kugirango bimere kandi bikure neza
- Kubitera mugihe ikawa nazo zigihingwa kugirango bigabanye ibyatsi bibi
- Igipimo cy'imbuto giterwa n'ubwoko bw'igihingwafumbire. Urugero nka mucuna haterwa ibiro 25-30 kuri ha, arachis pintoi, haterwa ibiro 5-10/ha

✓ **Igihe cyo gutera ibihingwafumbire**

- Mu ntangiriro y'igihe cy'imvura kugirango bimere kandi bikure neza
- Kubitera mugihe ikawa nazo zigihingwa kugirango bigabanye ibyatsi bibi
- Igipimo cy'imbuto giterwa n'ubwoko bw'igihingwafumbire. Urugero nka mucuna haterwa ibiro 25-30 kuri ha, arachis pintoi, haterwa ibiro 5-10/ha

✓ **Kwita kubihingwafumbire**

- **Gutegura ubutaka** – Guhinga gahoro ubutaka cyangwa guharura ibyatsi; wirinda guhinga cyane hafi y'imizi y'ikawa.
- **Gutera inturo**: kunyanyagiza imbuto mu buryo bungana, hanyuma ukazitwikiriza agataka gacye.
- **Gutera mu mirongo**: Gutera mu mirongo hagati y'imirongo y'ibiti by'ikawa (by'umwihariko ibinyamisogwe).